Repubulika y'u Rwanda
Ubutegetsi bw'Ubucamanza

# ITANGAZO N° 012/CSM/2025

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza aramenyesha abantu bujuje ibisabwa kandi babyifuza, ko hari umwanya umwe (1) w'Umucamanza mu Rukiko Rukuru.

Uwifuza uwo mwanya, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda;
2. Kuba afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;
3. Kuba afite nibura impamyabumenyi y'icyiciro cya mbere cya Kaminuza (Ao) mu by'amategeko (Bachelor's Degree in law);
4. Kuba afite uburambe mu kazi nibura bw'imyaka umunani (8) mu mirimo ijyanye n'iby'amategeko;
5. Kuba atarambuwe n'inkiko uburenganzira mboneragihugu n'ubwa politiki;
6. Kuba atarigeze ahanishwa igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu cyabaye ndakuka;
7. Kuba atarahamwe n'icyaha cya jenoside cyangwa icy'igengabitekerezo ya jenocide n'ibyaha bifitanye isano nayo;
8. Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo yakoze uretse igihe bigaragaye ko yarenganye byemejwe n'urukiko;
9. Kuba atarataye umurimo cyangwa ataranze kuwugarukaho mu gihe yari yarahagaritswe by'igihe gito cyangwa atarawugarutseho igihe yari abisabwe;
10. Kuba atagaragara ku rutonde rw'ababujijwe kuba abakozi ba Leta.

Uwifuza uwo mwanya, yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza, ibaruwa ikoherezwa mu Bunyamabanga Rusange bw'Urukiko rw'Ikirenga kuri "email": job@judiciary.gov.rw iherekejwe n'inyandiko zikurikira:

1. Ibaruwa isaba akazi yandikiwe Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza
2. Umwirondoro wuzuye (CV)
3. Kopi y'impamyabumenyi isabwa
4. Kopi y'indangamuntu cyangwa ikiyisimbura
5. Ibyemezo by'imirimo yakoze igaragaza uburambe mu bijyanye n'amategeko
6. Ibaruwa ishimangira ubushobozi mu kazi yanditswe n'umukoresha cyangwa ukuriye Urwego usaba akazi abarizwamo; uretse Abacamanza n'abakozi b'inkiko.
7. Icyangombwa kigaragaza ko umuntu atafunzwe (extrait du casier judiciaire)

Dosiye yoherezwa inshuro imwe kuri email yavuzwe haruguru, irimo inyandiko zose zisabwa kandi ziri muri PDF. Ahanditse impamvu (subject) niho handikwa umwanya usabwa.

Kwakira dosiye, bizakorwa kugeza ku wa **gatanu**, ku itariki ya **18/11/2025** i saa kumi n'imwe (5 PM).

Bikorewe i Kigali, ku wa 27/10/ 2025

Digitally signed by
SC(Deputy Chief Justice)
Date: 2025.10.27
15:07:26 +02'00'

**Mu izina rya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga**
**akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza**